# 89: Yesu yaje kunshaka

1.
Yesu yaje kunshaka, Ndi kure ,nzimiye, Anshyira ku bitugu Nukw arantarura ! Maz’ abamarayika be. Baririmba basingiza.

Ref:
Umv' uko yankunze Umv' uko yanshatse ! Ibuk’ amaraso yanguze ! Mbur’uko mbivuga, numiwe

2.
Yasanze nkomeretse,Nukw aranyomora Ampumurira neza At' Ur’ uwanjye ko! Sinari numv' ijwi nk'iryo, Nduhuka mu mutim’ u’bwo.

3.
Anyereka n' inkovu Zo mu biganza bye, N'izatewe n'amahwa Zo mu ruhanga rwe. Nibaz’ icyo yambonyemo, Cyatumye yihangan' atyo!

4.
None, tuban' iteka; Mu maso he hera Hamvir’ umucyo mwinshi, Uhor' unyobora;
Amp' ibikwiriye byose; Mbur' uko mbimushimira.

5.
Nduhutse mu mutima,Amp' amahoro ye. Iteka ntegereje Umuns' azazaho,
Antahukan' angez' i We. Anguze n'amaraso ye.

Visit us at indirimbo.com